**MENYA UBURENGANZIRA BWAWE NA ICE**

**Ni bande bashobora kwirukanwa?** Abantu bose batari abenegihugu ba Amerika bashobora kwirukanwa niba bafite impamvu zitursutse nko kuba hari ibyaha bakoze cg se bari basanzwe barasabwe gusubira iwabo.

- Abimukira badafite ibyangombwa
- Abaje bafite ubuhungiro cyangwa barahawe ubuhungiro bageze aha
- Abafite uburenganzira bwo gutura burundu (Green card)
- Abashyitsi, abanyeshuri n'abandi bafite viza z'agateganyo

**Impamvu zo kwirukanwa:**

- Kubura uburenganzira bwemewe n'amategeko
- Kuba hari ibyaha wakoze, uibi birimo:
  - Ibihano byose bijyanye n'ibiyobyabwenge
  - Ihohotera ryo mu rugo, kurenga ku cyemezo cy'urukiko wahawe
  - Ubujura, uburiganya n'ibindi
- Uburiganya mu byangombwa by'abimukira
- Impamvu z'umutekano (kuba mu mutwe w'amabandi cg w'iterabwoba)

**Buri wese Afite uburenganzira bw'Ibanze, menya ubwo ariobwo nigihe cyo kubukoresha**

**Nimba abakozi ba Immigration (ICE) baje mu urugo iwawe:**

********************Ntugafungure urugi ako kanya: ************************

- Mu mategeko, ntukeneye kubafungurira kereka umukozi wa immigration akweretse urupapuro umucamanza (signed arrest warrant) yasinye ruba uburenganzira bwo kuza iwawe ku gufata.
- Saba abo bakozi kwivuga: urugero izina rye, ndetse nabo bakorera nikarita ibaranga.
- Baza nimba bafite urupapuro rwemejwe n'umucamanza rwo kugufata.
- Sunikira ikarita ya "Menya uburenganzira bwawe" munsi y'umuryango.
- Ufite uburenganzira bwo guceceka no kubona umwunganizi mu mategeko. Nimba ushatse gukoresha ubwo burenganzira bwawe babwira uti: "Nsabye uburenganzira bwanjye bwo guceceka no kubona umunyamategeko."
- Hamagara inshuti yawe ifite ubwenegihugu cg se umuryango cyangwa umunyamategeko.

**Iyo Ubahagaritswe Uri mu modoka……….**

- Guma mu modoka, shyira amaboko kuri volant kugira ngo umupolisi abone aho ari.

- Ntabwo ukeneye kugira ikibazo usubiza.Gusa umushoferi aba agonba gutanga izina rye na aderesi yaho atuye. Ubundi werekana KYR card (ikarita abanyamahanga bakoiresha ivuga ko uzi uburenganzira bwawe)
- Polisi ishobora gusaka imodoka yawe niba bafite impamvu ifatika ko ushobora kuba hari icyaha wakoze.
- Babwire neza ko **utabemereye ko basaka imodoka yawe**.
- Ntugatange impapuro z'ibihimbano.

**Iyo Abashinzwe Umutekano baguhagarikiye aharti abantu benshi (kumugaragaro)…….**

- Guma utuje, ntukiruke cg ngo ubagore mugihe bari kugufata.
- Baza nimba ufunzwe cg se wemerewe kwidegembya (kugenda).
- Ceceka kandi usabe kuvugana n'umunyamategeko.
- Ufite uburenganzira bwo kwanga gutanga igikumwe kereka gusa ugiye gufungwa.
- Imupolisi ashobora kugusaka nimba afite impamvu zumvikana zo gukeka ko waba ufite intwaro kandiuteje akaga.
- Niba ufite ibyangombwa by'abimukira byemewe kandi urengeje imyaka 18, itergeko rigusaba kubigenda igihe cyose.
- Ufite uburenganzira bwo kubona umunyamategeko. Saba kuvugana n'umunyamategeko

**Ntuzigere utanga impapuro z'impimbano**

**Iyo watawe Muri yombi cg se wafunzwe:**

**Ntuzigere ukora ibi:**

- Usinyira impapuro cyangwa ngo wemere kugenda ku bushake utagishije inama umunyamategeko**.**
- Ugendera ku makuru uhawe n"umukozi wa Immigration arebana n'u urenganzira bwawe. Uzabanze ubaze umunyamategeko wawe ibi ukuri.

**Ufite uburenganzira bwo:**

- Kutagira icyo uvuga
- Guhamagara umunyamategeko cg abantu bo mu muryango wawe
- Guhamagara abahagarariye igihugu ukomokamo

**Usure uru rubuga https://locator.ice.gov/odls/#/ umuntu wagaritswe na immigration**

**Uburenganzira ku Bubyeyi:**

- Ushobora gufata ibyemezo ku bana bawe hatitawe ku kuba badafite cg bafite uburenganzira bwo kuba hano.

- Ufite uburenganzira bwo kudatanga amakuru ayo ariyo yose ku bana bawe, ariko ushobora kubabwira niba uri  wowe murezi wabo mukuru.
- Ufitre uburenganzira bwo kuba wahitamo aho abana bawe baba bari(cg basigara)
- Ushobora gusaba kuvugana n'abana bawe mugihe ufunzwe no gusaba uko uzajya ukomeza kuvugana nabo.
- Nimba abana bawe barererwa aho leta yabashyize, ufit euburenganzira bwo gukomez akubakurikirana aho ufungiye cg se aho wasubirijwe iwanyu, kerek awari warambuwe uburenganzira n'urukiko rubifitiye ubushobozi.
- Gufungwa cg kwirukanwa ntibisobanura gutererana cg kuzinukwa abawe

## Tegura uko byagenda mugihe waba wafashwe

## Tegura ibijyanye na mashuri y'abana:

- Ugomba kuba ufite numero z'umuntu wizeye waza kugufatira abana mugihe wowe utabonetse. Menyesha ishuri ko ushaka "to opt out" (bisobanura kwikura kuburyo bwose ishuri bwashyizeho bujyanye n'umwirondoro wawe. ubu buryo bukaba bwatumaga abayobozi bashoboraga kugira kumwirondoro wawe kuburyo bworoshye)
- Wandikishe umwana wawe muri ambasade y'igihugu cyawe. Ibi biramworohera cyane mugihe ashaka gusohoka cg se kwimukira aho uherereye
- Saba pasiporo ku mwana wawe.goverinoma nyinshi zisaba ababyeyi bombi guha umwana uburenganzira bwo kubon passport. Ariko nimba ari wowe wenyine warufite ubwo burenganzira cg se urukiko ari wowe bwabuhaye, ntabwo ukeneye uburenganzira bw'undi  mubyeyi.
- Andika ibaruwa y'inzira isinywe ku buryo bwemewe n'amategeko niba umwana wawe agomba kujya hanze ya Amerika ajyanywe n'umuntu wizewe. Ushobora guhamagara kampanyi "indege cg se ambassade yawe kugira ubone ibisobanuro by'ukuri.

## Ni Nde watanga igitekerezo cg wampagararira ku kibazo cy'abinjira n'abasohoka (immigration)?

- **Umwunganizi** mu mategeko ubiftiye ikemezo.
- **Umuntu ukorera umuryango udaharanira inyungu wabitojwe kdi wabihuguwemo kdi wemewe na goverinoma** mubijyanye no gufasha abimukira mu bibazo bijyanye na immigration.
- **Ba noteri** ntabwo ari abanyamategeko mu gihugu cya amerika ku bwibyo ntibemerewe gutanga inama kubijyanye n'amategeko
- **Abasemuzi cyangwa abatunganya imisoro** ntibagomba gutanga inama z'amategeko.abasemuzi bahindura impapuro zemewe mugihe ubikeneye mubijyanye ni kibazo cyawe muri immigration.